

Itangazo ryerekeye imikorere yo kugira ibanga

Twitaye ku ibanga ryawe

Ibanga ry'amakuru yawe y'ubuzima ni ikintu gihora gihabwa umwanya wa mbere kuri Corewell Health. Iri tangazo riha abarwayi ba Corewell Health n'imiryango yabo amakuru ku burenganzira ku ibanga ryabo no kwiyezeza kwa Corewell Health ko kurinda ubwo burenganzira. Ufite uburenganzira bwo guhitamo uko amakuru yawe akusanywa n'uko akoreshwa.

Ibibazo n'impungenge

Corewell Health, Chief Privacy Officer MC168, 100 Michigan Street NE, Grand Rapids, MI 49503

• Hamagara: **616.486.4113**

• Imeyili: privacy@corewellhealth.org

Itangazo Rihuriweho Ryerekeye Imikorere yo Kubika Amabanga

Iri tangazo rirasobanura uko amakuru yawe y'ubuvuzi ashobora gukoreshwa no guhishurwa ndetse n'uko ushobora kugera kuri aya makuru. **Soma iri tangazo witonze.** Iri tangazo rikurikizwa kuwa ku wa 17 Kanama 2023.

Niba ufite ibibazo kuri iri tangazo, vugisha umuyobozi mukuru ushinze ububiko bw'amakuru y'ibanga kuri Corewell Health kuri privacy@corewellhealth.org cyangwa ukoreshe aderesi ziri hejuru.

Uzakurikiza iri tangazo

Iri tangazo rirareba "Corewell Health" cyangwa "amavuriro ya Corewell Health" harimo ibitaro, ingo zitangirwamo ubuvuzi, ibigo bitangirwamo ubutabazi bwihutirwa, abakozi bacu bo kwa muganga, ibigo bitangira serivisi z'ubuvuzi mu ngo, ibigo bitangirwamo serivisi z'ubuvuzi ku ndembe, amavuriro mato, ibiro, n'ibigo biyoborwa na Corewell Health. Amavuriro yose ya Corewell Health n'ibiro bizakurikiza iri tangazo, byaba biri ku rutonde cyangwa bitariho. Impinduka muri iri tangazo ryerekeye imikorere yo kugira ibanga riri ku biro cyangwa inyubako aho uherwa ubuvuzi, uhamagara **616.486.4113**, cyangwa wohereza imeyili kuri privacy@corewellhealth.org.

Iri tangazo rirareba ibigo bifatanywa na Gahunda yateguwe y'ubuvuzi (OHCA) ya Corewell Health. Ibi bigo bizasangira amakuru yawe y'ubuzima arinzwe (PHI) ku mpamvu z'ubuvuzi, kwishyura, n'ibikorwa byo kwita ku buzima.

Corewell Health ifite uburenganzira bwo guhindura ubwitabire muri OHCA yayo ku muntu uwo ari we wese cyangwa ikigo. Niba ufite ibibazo ku cyiciro cy'ubwitabire bwa OHCA cy'utanga serivisi z'ubuvuzi, hamagara **616.486.4113** cyangwa wohereze imeyiri kuri privacy@corewellhealth.org.

Amasezerano yerekeye amakuru yawe y'ubuzima

Dusobanukiye ko amakuru y'ubuzima yawe ari ayawe bwite, kandi twiyemeje kuyarinda. Amakuru y'ubuzima yawe dukoresha, turema, tubika, kandi dutanagza ashobora kugirana isano n'ubuvuzi bwo ku mubiri no mu mutwe tuguha. Ububiko bw'amakuru y'ubuvuzi na serivisi uhabwa kuri Corewell Health. Ubu bubiko bw'amakuru butuma tuguha ubuvuzi bufite ireme kandi tukubahiriza ibisabwa n'amategeko bimwe na bimwe. Iri tangazo rirareba ububiko bwose bw'amakuru bufitamye isano

n'ubuvuzi bwawe bubitswe na Corewell Health, yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu mpapuro. Niba muganga ukuvura atari umunyamuryango w'itsinda ry'ubuzima rya Corewell Health, ashobora kugira uburyo bw'imikorere butandukanye cyangwa amategeko yerekeye imikoreshereze no gutangaza amakuru yawe y'ubuvuzi. Iri tangazo rirakubwira uburyo amakuru yawe y'ubuzima akoreshwa cyangwa ahishurwa. Rirasobanura kandi uburenganzira bwawe n'inshingano zacu byerekeye ikoresha n'ihishurwa ry'amakuru y'ubuzima.

Dusabwa n'amategeko:

- Kubika ibanga n'umutekano bya PHI yawe.
- Gukurikiza imikorere yo kugira ibanga yasobanuwe muri iri tangazo no kuguha kopi yayo.
- Kumenyeshya abantu bagizweho ingaruka nyuma yo kuvogerwa kw' amakuru y'ubuzima atarinze.

Uko dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima

Mu bihe byinshi, dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima nta ruhushya ruri mu nyandiko. Nyamara, imikoreshereze n'itangazwa ritasobanuwe muni bizakorwa hatanzwe uruhushya rwawe mu nyandiko gusa. Mu bihe bimwe, uburenganzira bwawe buri mu nyandiko burasabwa kugira ngo hakoreshewe cyangwa hahishurwe amakuru yawe y'ubuzima. Urugero, ntizuzigera tugurisha amakuru yawe cyangwa ngo dukoreshe amakuru yawe ku mpamvu zo kwamamaza ibikorwa nta ruhushya rwawe. Ibyiciro bikurikira birasobanura uburyo dukoresha kandi tugatangaza amakuru y'ubuzima.

Ku buvuzi: Dushobora gukoresha amakuru yawe y'ubuzima no kuyatangariza inzindi nzobere zirimo kukuvura.

Nk'urugero, muganga ukuvura igikomere abajije undi muganga uko ubuzima bwawe buhagaze muri rusange. Dushobora gutangaza amakuru y'ubuzima ku mpamvu zo gukomeza gutanga ubuvuzi. Amashami atandukanye ya Corewell Health ashobora gutangaza amakuru yawe kugira ngo ahuze ibintu bitandukanye ukeneye, nko kwandikirwa imiti, ibizami byo muri laboratwari, kunyuzwa mu cyuma, cyangwa kugororwa, cyangwa guhuza taransiferi. Dushobora gutanagariza amakuru yawe y'ubuzima ku bantu bo hanze ya Corewell Health bafite uruhare mu buvuzi bwawe nyuma y'ubuvuzi waherewe kuri Corewell Health, nk'abagize umuryango wawe cyangwa ibigo bitangira serivisi z'ubuvuzi mu ngo. Dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuzima ku wundi utanga serivisi z'ubuvuzi woherejweho cyangwa aho wahawe taransiferi kugira ngo uhabwe serivisi z'ubuvuzi. Abatanga serivisi z'ubuvuzi bakuvurira hanze ya Corewell Health bakeneye gusuzuma amakuru yuzuye cyane bishoboka kugira ngo bafate ibyemezo ku buvuzi bwawe. Aba batanga serivisi z'ubuvuzi bashobora kugera ku makuru yawe yo mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ayo ku mpapuro avuye muri Corewell Health ku bw'iyi mpamvu. Kandi, iyo aba batanga serivisi z'ubuvuzi baguhaye taransiferi yo kujya kwivuriza kuri Corewell Health kugira ngo uvurwe, bashobora kugera ku bubiko bw'amakuru yawe y'ubuzima kugira ngo bakurikirane uko ubuvuzi uhabwa bugenda. Corewell Health ifite inzira zikurikizwa n'ikoranabuhanga byo kurinda ubuzima bwite

n'umutekano by'ububiko bwawe muri ibi bihe.

Ku bijyanye no kwishyura: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima n'atari ay'ubuzima dutanga fagitire tunakira ubwishyu bw'ubwishingizi bw'ubuzima cyangwa izindi nzego ku bw'ubuvuzi na serivisi uhabwa kuri Corewell Health. Urugero, dushobora guha ikigo cyawe cy'ubwishingizi bw'ubuzima amakuru yawe kugira ngo kizakwishurire ubuvuzi cyangwa serivisi wahawe. Dushobora kubwira ikigo cy'ubwishingizi bwawe bw'ubuzima ibyerekeye ubuvuzi ugiye guhabwa kugira ngo tubone uburenganzira bw'ibanze cyangwa kwemeza niba ubwishingizi bwawe buzishyura ikiguzi cy'ubuvuzi. Bamwe mu batanga serivisi bavurira kuri Corewell Health batanga fagitire zitandukanye kandi dushobora kubaha amakuru yerekeye kwishyura kugira ngo bahuze uburyo bwo gutanga fagitire no kwishyura. Dushobora kandi kukuvugisha mu nyandiko cyangwa kuri telefone kugira ngo tuganire kuri konti yawe cyangwa tugenzure cyangwa dukusanye amakuru ku myishyurire y'ubwishingizi bwawe. Niba wamaze kwishyura ikiguzi cyose cy'ubuvuzi cyangwa serivisi wahawe, kandi ukatubwira ko udashaka ko ikigo cy'ubwishingizi bwawe kibona amakuru yerekeye ubwo buvuzi cyangwa serivisi, ntituzahishurira ayo makuru ikigo cy'ubwishingizi bwawe, keretse tubisabwe n'amategeko.

Ku bikorwa by'ubuvuzi: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima mu gukora ubucuruzi bwacu—nko mu ibaruramari, kwiga ku birego, cyangwa gusuzuma abakozi bacu. Iri koresha n'itangazwa ni ngombwa mu bikorwa by'ubucuruzi bwa Corewell Health no gukora ku buryo abarwayi bacu bahabwa ubuvuzi bufite ireme. Urugero, dushobora gutangariza amakuru yawe Priority Health, ikigo cy'ubwishingizi cya Corewell Health, nka kimwe mu bigizi Gahunda yateguwe y'ubuvuzi (OHCA) yacu. Gusangiza Priority Health amakuru bidufasha kugera ku ntego za gahunda yacu y'ubuzima ihujwe, nko kuzamura ireme, kugenzura ubuzima bw'abaturage, no kuzamura muri rusange urwego rw'ubuzima n'imibereho myiza by'abaturage bahabwa serivisi na Corewell Health na Priority Health. Dushobora kandi gukoresha amwe mu makuru y'ubuvuzi n'atari ay'ubuvuzi tukakuvugisha tukubaza icyo utekereza ku ireme rya serivisi uhabwa kuri Corewell Health n'uko dushobora kunoza serivisi zacu. Dushobora kandi guhuza amakuru y'ubuzima ku barwayi benshi kugira ngo dufate icyemezo ku zindi serivisi Corewell Health ishobora gutanga, serivisi zidakenewe, cyangwa kureba niba bumwe mu buvuzi bushya bukora. Dushobora gutangariza amakuru yawe abadogiteri, abaforomo, abatekinisiye, abanyeshuri b'umwuga w'ubuvuzi n'abandi bakozi b'ibitaro ku mpamvu zo kwiga. Dushobora guhuza amakuru y'ubuzima dufite n'amakuru y'ubuzima avuye ku bindi bigo kugira ngo tugereranye imikorere yacu maze twiyemeze uko dushobora kunoza ubuvuzi na serivisi dutanga.

Ikoresha n'ihishura by'impanuka: Dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima igihe afitanye isano n'irindi koreshwa cyangwa ihishurwa byemewe cyangwa bisabwa n'amategeko. Urugero, ibiganiri hagati y'abaganga, abaforomo cyangwa abakozi ba Corewell Health ku byerekeye uburwayi bwawe, bashobora rimwe na rimwe kumvirizwa. Menya neza ko dufite uburuzi bukwiye bwo kwirinda bene ibyo bintu uko

bishoboka kose.

Randevu: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuzima tukwibutsa randevu ufite imbere ku ivuriro rya Corewell Health cyangwa gukenera gufata indi miti.

Ibikorwa byo gukusanya inkunga: Mu rwego rwo gukusanya inkunga, dushobora gukoresha amwe mu makuru atari ay'ubuzima, harimo, ariko atagarukira ku izina ryawe, aderesi, numero ya telefone, itariki n'ahatangirwa serivisi, imyaka, n'igitsina, kugira ngo uvugishwe ku byerekeye gukusanya inkunga y'ibigo bikorana na Corewell Health binyuze mu murungo washinzwe cyangwa ugenzurwa na Corewell Health. Amafaranga yakusanyijwe azakoreshwa mu kwagura no kunoza serivisi na porogaramu tugeza ku baturage. Ufite uburenganzira bwo "kwanga" ikoresha n'itangazwa ry'amakuru yawe ku mpamvu zo gukusanya inkunga.

Igitabo cy'ibitaro: Dushobora gushyira amakuru yawe make mu gitabo cy'ibitaro igihe urwariye mu bitaro bya Corewell Health. Aya makuru ashobora kubamo izina ryawe, aho uri mu bitaro, uko ubuzima bwawe bumeze muri rusange (urug., mu rugero, buratekanye, n'ibindi), n'idini ryawe. Aya makuru, keretse bitewe n'idini Uretse idini ryawe, na yo ashobora gutangazwa kubantu baje babaza izina ryawe. Ikirenze kuri ibyo, ibitaro bishobora kubika ikindi gitabo kigaragaza idini ryawe maze bikagaragarizwa abayobozi b'itorero. Ibi bikorwa kugira ngo umuryango wawe, inshuti, n'abayobozi b'itorero bashobore kugusura mu bitaro kandi bamenye uko ubuzima bwawe buhagaze muri rusange. Ufite uburenganzira bwo kudasaba kugabanya (kugabanya cyangwa kudashyira) amakuru yawe mu gitabo cy'ibitaro. Kugira ngo usabe ibigabanywa, ugomba kubitubwira igihe wiyandikisha.

Abantu bafite uruhare mu buvuzi uhabwa cyangwa kwishyura ubuvuzi uhabwa: Dushobora gutangariza amakuru yawe y'ubuzima inshuti yawe cyangwa mwene wanyu ufite uruhare mu buvuzi uhabwa igihe cyose utabyanze, cyangwa iyo twizera ko kubigaragaza bigufitiye akamaro. Dushobora no guha amakuru umuntu ufite uruhare mu kwishyura cyangwa ufasha kwishyura ikiguzi cy'ubuvuzi bwawe. Dushobora kubwira umuryango wawe n'inshuti uko ubuzima bwawe muri rusange buhagaze. Ikirenze kuri ibyo, dushobora gutangariza amakuru yawe urwego rwose rufasha mu kaga, kugira ngo umuryango wawe ushobore kumenyeshwa uko ubuzima bwawe buhagaze, imimerere, n'aho uri.

Ubushakashatsi: Mu bihe bimwe na bimwe, dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima ku mpamvu z'ubushakashatsi. Urugero, umushinga w'ubushakashatsi ushobora gutangira gusuzuma ubuzima no gukira kw'abarwayi bahawe imiti runaka ugereranyije n'abahawe indi itandukanye ku burwayi bumwe. Imishinga yose y'ubushakashatsi inyura mu nzira yihariye kugira ngo yemerwe. Iyi nzira isuzuma umushinga w'ubushakashatsi watanze n'ikoresha ryawo ry'amakuru y'ubuzima. Iyi nzira kandi ikora ku buryo ibikenewe mu bushakashatsi bitabangamira ibyo abarwayi bacu bakeneye ku kugira ibanga amakuru yabo y'ubuzima. Mbere y'uko dukoresha cyangwa duhishura amakuru y'ubuzima kubera ubushakashatsi, umushinga uzaba waragenzuwe binyuze mu nzira zo kwemeza ubushakashatsi. Ariko dushobora gutangaza amakuru

yawe y'ubuzima abantu bategura gukora umushinga w'ubushakashatsi. Urugero, dushobora gutangariza amakuru abashakashatsi kugira ngo bibafashe gushaka abarwayi bafite ibyo bakeneye byihariye mu buvuzi, igihe cyose amakuru y'ubuzima basuzuma atarenga Corewell Health. Dushobora gukenera gusaba uruhushya rwawe rwihariye niba umushakashatsi azagera ku izina ryawe, aderesi, cyangwa amakuru yawe bwite, cyangwa azagira uruhare mu buvuzi bwawe bwerekeranye n'ubushakashatsi kuri Corewell Health.

Nk'uko bisabwa n'amategeko: Tuzagaragaza amakuru yawe igihe bizaba bisabwe n'igihugu, leta, cyangwa amategeko y'aho tubarizwa, cyangwa amabwiriza. Urugero, dusabwye gutanga raporo kuri bimwe mu bikomere cyangwa uburwayi ku mpamvu z'ubuzima rusange.

Gukumira ibyago bikomeye ku buzima cyangwa umutekano: Dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima igihe ari ngombwa mu gukumira ibyago bikomeye ku buzima bwawe n'umutekano cyangwa umuzima n'umutekano bya rubanda cyangwa undi muntu. Twagaragariza amakuru yawe gusa umuntu ushobora gukumira ibyago.

Guhana amakuru yerekeye porogaramu za Corewell Health cyangwa ibicuruzwa: Dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima kugira ngo tukumenyeshye igicuruzwa cyerekeye ubuzima cyangwa serivisi bya Corewell Health. Ikirenze kuri ibyo, dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima tukubwira ibicuruzwa cyangwa serivisi byerekeranye n'ubuvuzi bwawe, gucunga dosiye yawe cyangwa guhuza ibikorwa byo kukwitaho, cyangwa se gutanga amakuru ku bundi buvuzi, imiti, abaganga, cyangwa ahantu ho kuvurirwa. Dushobora rimwe na rimwe kukubwira ibicuruzwa cyangwa serivisi by'ikindi kigo ariko tuzakoresha cyangwa tuzahishura amakuru ajyanye n'ubuzima bwawe bikoze gusa imbonankubone.

Guhanahana amakuru y'ubuzima: Corewell Health ibika amakuru kandi yohereza amakuru y'ubuzima, harimo amakuru y'imiti yanditswe na muganga, mu buryo bw'ikoranabuhanga. Amakuru y'ubuzima asangizwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku mpamvu zasobanuwe muri iri tangazo kandi arindirwa mu guhanahana amakuru y'ubuzima aho umuntu abarizwa, leta, n'igihugu. Corewell Health yitabira guhanahana amakuru y'ubuzima, harimo MiHIN (Ihuriro Ry'amakuru Y'ubuzima muri Michigan), kandi ishobora kwitabira irindi hanahana ry'amakuru mu gihe kizaza. MiHIN ifite amategeko agenga uko amakuru ushobora kugerwaho binyuze mu kuyahanahana kandi igenzura ikoresha n'ihishura ry'ayo makuru. Ushobora kohereza imeyili kuri privacy@corewellhealth.org kugira ngo ubone andi makuru kuri MiHIN n'uburenganzira bwawe bujyanye no kohereza amakuru yawe binyuze muri ubu buryo n'ubundi buryo bw'ihanahana makuru y'ubuzima.

Epic's Care Everywhere: Amakuru yawe y'ubuvuzi abikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga muri Epic, porogaramu ya mudasobwa. Kugira ngo tuzamure ireme ry'ubuvuzi uhabwa, Corewell Health isangiza amakuru yawe y'ubuzima mu buryo bw'ikoranabuhanga abandi batanga serivisi bakoresha Epic's Care Everywhere. Dukora ibi kugira ngo dutume abandi

batanga serivisi z'ubuvuzi bakoresha Epic kandi bakuvura bahita babona amakuru yawe y'ubuvuzi. Niba wariyandikishije ku bindi bitaro bikoresa Epic, dogiteri ukuvura ku bitaro ashobora gusaba amakuru y'ubuvuzi ku bitaro mu buryo bw'ikoranabuhanga. Urugero, mu bihe by'ubutabazi bwihutirwa, muganga ashobora gusaba amakuru yawe y'ubuvuzi kuri Corewell Health mu buryo bw'ikoranabuhanga hanyuma, yaba ahawe 'uruhushya' akareba ku bisubizo byawe byo muri laboratwari. Gusangiza amakuru yawe y'ubuzima muri ubu buryo bishobora gutuma muganga afata ibyemezo byo kukuvura bishingiye ku makuru yizewe. Hari ingamba z'ubwirinzi buhari mu rwego rwo neza niba uri guhabwa ubuvuzi nk'uko wabusabiwe n'ibitaro cyangwa utanga serivisi z'ubuvuzi. Abatanga serivisi z'ubuvuzi bagomba kugira amakuru yawe ahagije kugira ngo bizere ko barimo kukwitaho KANDI ugomba kuba wanditswe nk'umurwayi mu makuru y'ubuvuzi mu buryo bw'ikoranabuhanga. Amakuru yawe y'ubuzima ashobora kubamo amasuzumwa yo kwitondera nka Virusi itera sida/ Sida, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, amakuru y'utunyangingo ndangankomoko, ubuzima bwo mu mutwe, ikoresha ry'ibiyobyabwenge, gusuzuma utunyangingo ndangankomoko, n'ibindi. Inyandiko zijyanye n'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe ntiziri mu makuru yawe y'ubuvuzi cyangwa uburyo bwacu bw'ihanahana makuru yubuzima. Niba wifuza "kuva" muri Epic's Care Everywhere, vugisha ibiro byacu by'ibanga kuri nomero ya telefone cyangwa aderesi ya imeyiri biri mu murongo wa mbere w'iri tangazo.

Uko dushobora gukoresha amakuru yawe y'ubuzima- Ibihe bidasanze

Mu bihe byinshi, dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima nta ruhushya rwo mu nyandiko. Ibi bikurikira birasobanura uko dushobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima mu bihe bidasanze.

Gutanga Urugingo N'urwungano: Iyo uri mubatanga ingingo, bibaye ngombwa dushobora gutangariza amakuru yawe y'ubuzima kubigo bicunga amasoko y'ingingo cyangwa urugingo, ijisho, no gusimbuza urwungano, cyangwa banki ishinze ibyo gutanga ingingo.

Abasirikare N'abavuye Ku Rugerero: Ni ba uri umusirikare, dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuvuzi bisabwe n'ubuyobozi bw'ingabo. Dushobora kandi gutangaza amakuru y'ubuzima bw'abasirikare b'abanyamahanga kubuyobozi bw'igisirikare cyabo. Niba ugize umuryano ari umusirikare, mu bihe runaka, dushobora gutangariza amakuru yawe abasirikare cyangwa ikigo gitanga serivisi zo kwita ku baturage cyemewe nka Red Cross kugira ngo bagire inama ugize umuryango wawe ku burwayi bwawe.

Indishyi z'abakozi: Dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuzima kubera Indishyi z'abakozi cyangwa porogaramu bisa. Izi porogaramu zifasha kubijyane n'imvune cyangwa uburwayi bufitanye isano n'akazi.

Ibyago by'ubuzima bwa rubanda: Dushobora gutangaza amakuru yawe kubera ibikorwa by'ubuzima bwa rubanda, harimo:

- Gukumira cyangwa kugenzura indwara, igikomere,

cyangwa ubumuga.

- Gutanga raporo y'abavutse n'abapfuye no kwitabira igikorwa cyo gutanga amakuru ku ndwara.
- Gutanga raporo ku guhohotera umwana cyangwa kumurangana.
- Gutangaza imyitwarire kumiti cyangwa ibibazo byatewe n'ibicuruzwa.
- Kumenyeshya abantu kwibuka ibicuruzwa bashobora kuba bakoresha.
- Kumenyeshya umuntu ushobora kuba yararwaye indwara cyangwa ushobora kuba afite ibyago byo kwandura cyangwa gukwirakwiza indwara cyangwa uburwayi.
- Kumenyeshya ubuyobozi bwa leta buboneye niba twizera ko umurwayi yakorewe ihohoterwa, yarirengagijwe, cyangwa yarakorewe ihohoterwa ryo mu rugo. Tuzatangaza ibi mugihe byemera, cyangwa nitubisabwa cyangwa tubitegetswe n'amategeko.

Ibikorwa byo gukurikirana ubuzima: Dushobora gutangariza amakuru yawe y'ubuzima ikigo cy'ubuzima gishinzwe igenzura ku mpamvu z'ibikorwa byemewe n'amategeko. Ibi bikorwa by'igenzura bikubiyemo, urugero, ubugenzuzi, ubucukumbuzi, ikurikiranabikorwa, no gutanga uruhushya rwo gukora. Ibi bikorwa ni nombwa kugira ngo leta ikurikirane uburyo ubuvuzi bukorwamo, porogaramu za leta n'iyubahirizwa ry'amategeko agenga uburenganzira bw'abaturage.

Imanza N'amakimbirane: Niba uri mu kirego cyangwa mu makimbirane, dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuzima bisabwe n'urukiko cyangwa itegeko ry'ubuyobozi. Dushobora kandi duhishura amakuru yawe y'ubuzima bitewe no kwitaba urukiko, ubusabe bugamije kugira ibitahurwa, cyangwa indi nzira yemewe n'amategeko ku muntu uri mu makimbirane, ariko gusa iyo wemeye uko gutangaza amakuru. Nyamara, uruhushya rwawe ntiruzasabwa mu gihe ubusabe bwo gutangaza amakuru bwashyizweho umukono n'umucamanza cyangwa bwategetswe n'urukiko.

Iyubahirizamategeko: Dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuzima umukozi ushinzwe iyubahirizamategeko mu bihe bikurikira:

Iyo byasabwe n'itegeko ry'urukiko, kwitaba urukiko, inyandiko y'urukiko, guhamagazwa, cyangwa uburyo busa nk'ubu,

- Kugaragaza cyangwa kuvuga aho ukekwa gukora icyaha aherereye, impunzi, umutangabuhamya cyangwa umuntu waburiwe irengero,
- Iyo amakuru yerekeye uwakorewe icyaha kandi iyo, mu buryo runaka, tudashobora kubona uburenganzira bw'umuntu bwo gutangaza amakuru,
- Ibyerekeye urupfu twizera ko rushobora kuba rwatewe n'icyaha cyakozwe,
- Ibyerekeye icyaha cyakorewe muri Corewell Health, cyangwa
- Mu bihe by'ubutabazi bwihutirwa mu kumenyekanisha icyaha, aho icyaha cyakorewe cyangwa uwakorewe icyaha, cyangwa ibiranga umuntu (uko ateye cyangwa aho abarizwa) by'umuntu wakoze icyaha.

Abasuzuma icyishe Umuntu, Abaganga bo Gusuzuma n'Abayobozi Bashinzwe Gushyingura: Dushobora gutangariza amakuru y'ubuzima abasuzuma icyishe umuntu cyangwa umuganga wo gusuzuma. Ibi bishobora kuba ngombwa, urugero, mu kugaragaza umuntu

wapfuye cyangwa kwemeza icyateye urupfu. Dushobora kandi gutangariza amakuru y'ubuzima y'abarwayi abayobozi bashinzwe gushyingura, mu gihe bikenewe, kugira ngo bakore akazi bashinzwe.

Umutekano w'igihugu n'ibikorwa by'ubutasi:

Dushobora gutangariza amakuru yawe abakozi ba leta bemerewe gukora ubutasi, kugenzura ukuri kw'amakuru y'ubutasi n'ibindi bikorwa by'umutekano w'igihugu byemewe n'amategeko.

Serivisi zishinzwe kurinda umukuru w'igihugu n'abandi:

Dushobora gutangaza amakuru yawe y'ubuzima abakozi ba leta babifitiye uburenganzira kugira ngo babashe kurinda umukuru w'igihugu, abantu bafite uburenganzira, cyangwa abakuru b'ibihugu by'amahanga, cyangwa gukora iperereza ridasanzwe.

Imfungwa: Niba uri imfungwa y'ikigo cy'igororero cyangwa ufunzwe n'umukozi ushinzwe iyubahirizamategeko, dushobora gutangariza amakuru yawe y'ubuzima ikigo cy'igororero cyangwa umukozi ushinzwe iyubahirizamategeko. Iri hishura rishobora kuba ngombwa ku kigo kugira ngo kiguhe ubuvuzi, kirinde ubuzima bwawe n'umutekano cyangwa ubuzima n'umutekano by'abandi, cyangwa umutekano w'ikigo cy'igororero.

Abandi Bireba: Dushobora gutangariza amakuru yawe y'ubuzima abandi dufitanye amasezerano y'akazi yo gukora serivisi mu mwanya w'urwego rwa Corewell Health. Nibimera bityo, tuzaba twanditse amasezerano n'abo bandi ko amakuru azarindwa.

Amakuru y'ibanga ryo ku rwego rwo hejuru: Amwe mu makuru y'ubuzima agirwa ibanga mu buryo bwihariye, nk'inyandiko y'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe, serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe n'ubumuga bwo mu mikurire, ubuvuzi bw'uwasaswe n'inzoga n'ibiyobyabwenge na serivisi zo kubikumira, ndetse n'indwara zimwe na zimwe. Tuzakoresha cyangwa dusangize abandi amakuru yawe y'ibanga ryo ku rwego rwo hejuru gusa uko byemewe cyangwa bisabwa n'amategeko, cyangwa dufite uruhushya rwawe mu nyandiko.

Uburenganzira bwawe bwerekeye amakuru y'ubuzima

Uburenganzira bwo kugenzura no kugira kopi: Ushobora gusaba kureba cyangwa kubona cyangwa kugira kopi mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa y'urupapuro irimo amakuru yawe y'ubuvuzi n'andi makuru yawe y'ubuzima dufite. Amakuru yawe ahari arimo amakuru y'ubuvuzi na fagitire ariko ntakubiyemo inyandiko izo ari zo zose z'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe. Baza ubuyobozi bushinzwe gucunga amakuru (HIM) uko ibi bikorwa. Tuzaguha kopi cyangwa incamake y'amakuru yawe y'ubuzima, bikorwa mu minsi 30 y'ubusabe bwawe. Dushobora kuguca amafaranga aringaniye, ajyanye n'ikiguzi. Dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kugenzura no kugira kopi kuri zimwe mu mpamvu nke cyane. Niwangirwa kugera ku makuru y'ubuzima, ushobora gusaba ko uko kwangirwa gusuzumwa. Indi nzobere mu buvuzi ifite icyemezo yatoranyijwe na Corewell Health izasuzuma ubusabe bwawe n'uko kwangirwa. Umuntu ukora isuzuma ntazaba ari umuntu wanze ubusabe bwawe bwa mbere.

Tuzakurikiza ibyavuye mu isuzuma. Niba urimo kwitabira ibikorwa by'ubushakashatsi, dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kugenzura no gukora kopi z'imwe mu makuru yawe y'ubuzima afitanye isano n'ubwo bushakashatsi, igihe cyose wemera iri kumira ryo kugera ku makuru mu ifishi itanga uburenganzira washyizeho umukono mbere yo kwitabira. Dushobora kandi kwanga ukugera ku makuru bitewe n'ukundi byemewe n'amategeko.

Uburenganzira bwo kuvugurura: Ushobora gusaba HIM gukosora amakuru yawe y'ubuzima youtekereza ko atari yo cyangwa atuzuye. Tubaze uko bikorwa. Dushobora kuvuga ngo "oya" ku busabe bwawe, ariko tuzakubwira impamvu mu nyandiko mu minsi 60. Dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kuvugurura iyo butari mu nyandiko cyangwa butarimo impamvu ishyigikira ubwo busabe. Dushobora kandi kwanga ubusabe bwawe iyo udusabye kuvugurura amakuru:

- Atarakozwe natwe, keretse umuntu cyangwa ikigo cyakoze amakuru atagihari/kitagihari ngo akore/gikore ivugurura.
- Atagize amakuru y'ubuzima abitswe cyangwa y'urwego rwa Corewell Health.
- Atagize amakuru ushobora kwemererwa kugenzura cyangwa kugirira kopi.
- Ari ukuri kandi yuzuye.

Uburenganzira bwo kubarura amakuru yatangajwe: Ushobora gusaba urutonde(kubarura)rw'inshuro twasangije abandi amakuru yawe y'ubuzima mu myaka itandatu mbere y'itariki ubaza, abo twayasangije, n'impamvu. Baza HIM uburyo bwo kubisaba. Tuzashyiramo amakuru yose yahishuwe uretse ay'ubuvuzi, kwishyura, n'ibikorwa byo kuvura, n'amwe mu yandi makuru yahishuwe (Nk'andi yose wadusabye gukora) Tuzakora ibarura rimwe mu mwaka ku buntu ariko tuzishyura amafaranga aringaniye, ajyanye n'ikiguzi nusaba irindi mu mezi 12. Ubusabe bwawe bugomba kugaragaza uko ushaka ko urutonde ruba rumeze (urugero, ku rupapuro cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga).

Uburenganzira bwo gusaba ibikumirwa: Ushobora kudusaba kudakoresha cyangwa kudahishura amwe mu makuru y'ubuvuzi, kwishyura, cyangwa ibikorwa byacu. Niwishyura serivisi cyangwa ubuvuzi amafaranga yose, ushobora kudusaba kudasangiza ayo makuru umwishingizi wawe w'ubuzima. Tuzavuga "yego" keretse amategeko abaye adusaba gusangiza ayo makuru, niba byagira ingaruka ku buvuzi bwawe, cyangwa niba tutabasha kubahiriza ubusabe bwawe.

Uburenganzira bwo gusaba kuganira mu ibanga: Ushobora gusaba ko tunganira nawe ku bibazo by'ubuvuzi mu buryo dushobora kukuvugisha gusa uri ahantu runaka. Urugero, ushobora gusaba ko tukuvugisha gusha uri ku kazi cyangwa dukoresheje imeyili. Tuzemera ubusabe bwose bufite ishingiro. Ubusabe bushobora gukorwa mu gihe cyo kwiyandikisha, uhagarariye umurwayi, cyangwa ibiro bishinzwe gucunga amakuru y'ibanga. Dushobora kugusaba gushyira ubusabe bwawe mu nyandiko.

Uburenganzira bwo kubona kopi y'urupapuro y'iri tangazo: Ushobora gusaba kopi y'iri tangazo igihe cyose. Nubwo wemeye kwakira iri tangazo mu buryo bw'ikoranabuhanga, uracyemerewe kubona kopi y'urupapuro. Ushobora gukura kopi y'uru rupapuro ku

rubuga rwacu, corewellhealth.org/policies, cyangwa kuri Corewell Health.

Impinduka muri iri tangazo

Dufite uburenganzira bwo guhindura iri tangazo. Dufite kandi uburenganzira bwo gukoresha itangazo ryavugururwe ku makuru yawe y'ubuzima dufite n'andi makuru yose tuzakira mu gihe kizaza. Tuzashyira kopi y'itangazo mu nyubako, ibiro, n'ahantu harebwa n'iri tangazo. Itangazo rizaba ririmo itariki rizatangirira gukurikizwa. Ikindi, kopi y'itangazo riheruka gusohoka uzaba ubasha kuyibona igihe cyose wiyandikishirije mu kigo cyangwa ku biro, cyangwa ushyizwe mu bitaro kugira ngo uvurwe cyangwa uhabwe serivisi z'ubuzima nk'umurwayi uri mu bitaro cyangwa uvurwa ataha.

Niba wumva ko uburenganzira bwawe bwo kugirirwa ibanga bwahonyowe, ushobora gutanga ikirego kuri Corewell Health cyangwa mu bunyamabanga bw'ishami ry'ubuzima na serivisi zo kwita ku bantu. Kugira ngo utange ikirego kuri Corewell Health, ohereza imeyili kuri privacy@corewellhealth.org cyangwa uhamagare: Corewell Health, Chief Privacy Officer MC168, 100 Michigan Street NE, Grand Rapids, MI 49503.

Ibirego byose bigomba gutangwa mu nyandiko. Ntuzahanirwa gutanga ikirego.

Irindi koreshwa ry'amakuru yawe y'ibanga

Irindi koreshwa ry'amakuru yawe y'ibanga ritari muri iri tangazo cyangwa mu mategeko agenga Corewell Health rizakorwa ari uko utanze uruhushya mu nyandiko. Nuduha uruhushya rwo gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima, ushobora guhagarika urwo ruhushya mu nyandiko igihe cyose. Nuhagarika uruhushya rwawe, ntituzakoresha cyangwa ngo duhishure amakuru yawe y'ubuzima ku mpamvu ziri mu burenganzira bwawe bwo mu nyandiko. Ntidushobora gusubiza inyuma amakuru twamaze gutangaza ku bw'uruhushya rwawe, kandi turasabwa kubika amakuru yacu y'ubuvuzi tuguha.

